

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

A. Amategeko / Laws / Lois

N° 60/2013 ryo kuwa 22/08/2013	
Itegeko rigena igenzura ry'itumanaho.....	3
N° 60/2013 of 22/08/2013	
Law regulating the interception of communications.....	3
N° 60/2013 du 22/08/2013	
Loi réglementant l'interception des communications.....	3
N° 62/2013 ryo kuwa 27/08/2013	
Itegeko rishyiraho Ikigo gishinzwe guteza imbere ibikorwa by'iterambere mu nzego z'ibanze (LODA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.....	13
N° 62/2013 of 27/08/2013	
Law establishing the Local Administrative Entities Development Agency (LODA) and determining its mission, organisation and functioning.....	13
N° 62/2013 du 27/08/2013	
Loi portant création de l'Agence de Développement des Entités Administratives Locales (LODA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement.....	13
N° 63/2013 ryo kuwa 27/08/2013	
Itegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije (REMA).....	28
N° 63/2013 of 27/08/2013	
Law determining the mission, organization and functioning of Rwanda Environment Management Authority (REMA).....	28
N° 63/2013 du 27/08/2013	
Loi portant mission, organisation et fonctionnement de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement (REMA).....	28
N° 64/2013 ryo kuwa 27/08/2013	
Itegeko rishyiraho Ikigo cy'Ingoro z'Igihugu z'Umurage w'u Rwanda (INMR), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.....	44
N° 64/2013 of 27/08/2013	
Law establishing the Institute of National Museums of Rwanda (INMR) and determining its mission, organisation and functioning.....	44
N° 64/2013 du 27/08/2013	
Loi portant création de l'Institut des Musées Nationaux du Rwanda (INMR) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement.....	44
N° 65/2013 ryo kuwa 27/08/2013	
Itegeko rishyiraho Ikigo cyo kwigisha no guteza imbere Amategeko (ILPD), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.....	59

Official Gazette n° 41 of 14/10/2013

N° 65/2013 of 27/08/2013

Law establishing the Institute of Legal Practice and Development (ILPD) and determining its mission, organization and functioning59

N° 65/2013 du 27/08/2013

Loi portant création de l'Institut Supérieur de Pratique et de Développement du Droit (ILPD) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement.....59

N° 66/2013 ryo kuwa 27/08/2013

Itegeko ryemerera kwemeza burundu iyinjizwa ry'u Rwanda mu Muryango w'Ibihugu by'Afurika bihinga Umuceri72

N° 66/2013 of 27/08/2013

Law authorising the accession of Rwanda to the Africa Rice Center.....72

N° 66/2013 du 27/08/2013

Loi autorisant l'adhésion du Rwanda au Centre du Riz pour l'Afrique.....72

ITEGEKO N°60/2013 RYO KUWA 22/08/2013
RIGENA IGENZURA RY'ITUMANAHO

LAW N°60/2013 OF 22/08/2013
REGULATING THE INTERCEPTION OF
COMMUNICATIONS

LOI N°60/2013 DU 22/08/2013
REGLEMENTANT L'INTERCEPTION
DES COMMUNICATIONS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mberere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Ingingo ya 3: Igenzura ry'itumanaho ryemewe
n'amategeko

Article 3: Lawful interception of
communications

Article 3: Interception légale des
communications

Ingingo ya 4: Igenzura ry'itumanaho ribujijwe

Article 4: Prohibited interception of
communications

Article 4: Interception interdite des
communications

Ingingo ya 5: Igenzura ry'itumanaho
rinyuranyije n'amategeko

Article 5: Unlawful interception of
communications

Article 5: Interception illégale des
communications

Ingingo ya 6: Abemerewe gusaba icyemezo cyo
gukora igenzura ry'itumanaho

Article 6: Persons authorized to apply for an
interception warrant

Article 6: Personnes autorisées à demander
le mandat d'interception

Ingingo ya 7: Ibisabwa ikigo cyangwa sosiyete
itanga serivisi y'itumanaho

Article 7: Requirement for a communication
service provider

Article 7: Obligation d'une agence de
communication

UMUTWE WA II: UBURYO IGENZURA
RY'ITUMANAHO RIKORWA

CHAPTER II: METHODS OF
INTERCEPTION OF COMMUNICATIONS

CHAPITRE II: MODALITES
D'INTERCEPTION DES
COMMUNICATIONS

Ingingo ya 8: Ibigenzurwa

Article 8: Communications to be intercepted

Article 8: Communications à intercepter

Official Gazette n° 41 of 14/10/2013

Ingingo ya 9: Itangwa ry'icyemezo cyo gukora igenzura ry'itumanaho

Article 9: Issuance of interception warrant

Article 9: Délivrance du mandat d'interception

Ingingo ya 10: Igenzura ry'itumanaho ritiyambaza ikigo cyangwa sosiyeti y'itumanaho

Article 10: Interception not facilitated by a communication service provider

Article 10: Interception sans faire recours à une agence de communication

Ingingo ya 11: Ibuzwa ryo kumena ibanga

Article 11: Confidentiality of secret information

Article 11: Interdiction de divulgation des secrets

Ingingo ya 12: Ubugenzuzi

Article 12: Inspection

Article 12: Inspection

UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Ingingo ya 13: Ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko

Article 13: Enforcement of this Law

Article 13: Application de la présente loi

Ingingo ya 14: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 14: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 14: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 15: Repealing provision

Article 15: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 16: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 16: Commencement

Article 16: Entrée en vigueur

Official Gazette n° 41 of 14/10/2013

**ITEGEKO N°60/2013 RYO KUWA 22/08/2013
RIGENA IGENZURA RY'ITUMANAHO**

**LAW N°60/2013 OF 22/08/2013
REGULATING THE INTERCEPTION OF
COMMUNICATIONS**

**LOI N°60/2013 DU 22/08/2013
REGLEMENTANT L'INTERCEPTION
DES COMMUNICATIONS**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 16 Gicurasi 2013;

The Chamber of Deputies, in its session of 16 May 2013;

La Chambre des Députés, en sa séance du 16 mai 2013 ;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 25 Werurwe 2013;

The Senate, in its session of 25 March 2013;

Le Sénat, en sa séance du 25 mars 2013 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 10, iya 18, iya 21, iya 22, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 169 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 10, 18, 21, 22, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 169 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 10, 18, 21, 22, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 169 et 201 ;

Isubiye ku Itegeko n° 48/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena igenzura ry'itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga;

Having reviewed Law n° 48/2008 of 09/09/2008 relating to the interception of communications;

Revu la Loi n° 48/2008 du 09/09/2008 portant interception des communications ;

YEMEJE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbera: icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena ibihe n'uburyo igenzura ry'itumanaho rikorwamo.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

1° **icyemezo cyo kugenzura:** icyemezo gitanga uburenganzira bwo kugenzura itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga;

2° **igenzura ry'itumanaho:** igikorwa cyose cyo kumva, gufata amajwi, kubika, gufindura ubutumwa bwahishwe mu ibanga hakoreshejwe inyuguti cyangwa imibare bizwi gusa na nyirabyo, gukurikirana cyangwa kugenzura mu buryo ubwo ari bwo bwose, amajwi, ihanahana ry'amakuru nyir'ubwite atabizi kandi atabitangiye uburenganzira ku buryo budashidikanywaho;

3° **igenzura ry'itumanaho ritiyambaza ikigo cyangwa sosiyete bitanga serivisi y'itumanaho:** igenzura ry'itumanaho rikoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga bifite

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law establishes the periods and methods of interception of communications.

Article 2: Definitions of terms

In this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **interception warrant:** a warrant authorizing the interception of a communication;

2° **interception of communications:** any act of listening, recording, storing, decrypting, intercepting, interfering with, or carrying out any other type of surveillance over voice or data communications without the knowledge of the user and without explicit permission to do so;

3° **interception of communication not facilitated by a communication service provider:** interception of a communication using technological equipment able to

ADOPTÉ :

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi détermine les périodes et les modalités d'interception des communications.

Article 2 : Définitions des termes

Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont la signification suivante :

1° **mandat d'interception :** mandat autorisant l'interception d'une communication ;

2° **interception des communications :** tout acte d'écoute, enregistrement, stockage, décryptage, interception, interférence ou tout autre acte de surveillance sur les voix et données de communications à l'insu de l'utilisateur et sans son autorisation explicite ;

3° **interception faite sans passer par une agence de communication :** interception de communication utilisant les outils technologiques capables d'intercepter sans

Official Gazette n° 41 of 14/10/2013

- ubushobozi bwo kugenzura itumanaho bidaciye ku bigo cyangwa sosiyete bitanga serivisi y'itumanaho;
- 4° **ikigo cyangwa sosiyete bitanga serivisi y'itumanaho:** ikigo cyangwa sosiyete bitanga serivisi y'iposita cyangwa y'itumanaho;
- 5° **itumanaho rya Perezida wa Repubulika:** ibiganiro bya Perezida wa Repubulika akoresheje imvugo, inyandiko n'ubutumwa bwe bwose yohereje cyangwa yohererejwe;
- 6° **kugenzura:** gufata cyangwa kumviriza ibiganiro cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho hakoreshejwe ibikoresho byabugenewe;
- 7° **serivisi y'itumanaho:** serivisi yose isakaza amakuru, amajwi cyangwa amashusho hakoreshejwe insinga cyangwa ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga;
- 8° **serivisi z'iposita:** serivisi yose ikora kimwe cyangwa byinshi mu bikorwa byerekeye gukusanya, kuvangura, gutwara, gukwirakwiza no gutanga, haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, ubutumwa, nka serivisi yashyiriweho gutanga no koroshya uburyo bwo gukwirakwiza ubutumwa bufunze bunyujijwe mu nzira y'iposita.
- intercept communication not facilitated by a communication service provider;
- 4° **communication service provider:** any institution or company which provides a postal or telecommunications service;
- 5° **communication of the President of the Republic:** all communication, whether oral or written, sent or received by the President of the Republic;
- 6° **intercepting:** recording or listening to conversations or communications by means of a monitoring device;
- 7° **communications service:** any service involving the transmission of data, voice or images by wire, optical or other electronically guided system;
- 8° **postal service:** any service which is involved in any one or more activities relating to the collecting, sorting, carriage, circulating and delivering, whether in Rwanda or elsewhere, of postal items as a service to make available or to ease the process of transmission of postal items containing communication.
- recourir à l'aide des agences de communication ;
- 4° **agence de communication :** toute institution ou société qui fournit un service postal ou de télécommunication ;
- 5° **communication du Président de la République :** toute communication orale et écrite du Président de la République et toute autre sorte de correspondance émise ou reçue par lui ;
- 6° **intercepter :** enregistrer ou écouter une conversation ou une communication au moyen d'outils de contrôle ;
- 7° **service de communications :** tout service impliquant la transmission de données, voix ou image par câble optique ou autre système électronique ;
- 8° **service postal :** tout service qui intervient dans une ou plusieurs activités relatives à la collection, au triage, au transport, à la circulation et à la distribution, tant au Rwanda qu'à l'étranger, de colis postaux, en tant que service instauré pour rendre accessible ou faciliter le processus de transmission de colis postaux contenant des communications.

Ingingo ya 3: Igenzura ry'itumanaho ryemewe n'amategeko

Igenzura ry'itumanaho ryemewe n'amategeko ni irikozwe hagamijwe inyungu z'umutekano w'Igihugu kandi rigakorwa mu buryo buteganywa n'iri tegeko.

Ingingo ya 4: Igenzura ry'itumanaho ribujijwe

Igenzura ry'itumanaho rya Perezida wa Repubulika rirabujijwe.

Ingingo ya 5: Igenzura ry'itumanaho rinyuranyije n'amategeko

Igenzura ry'itumanaho rikwirakwijwe rinyuze mu buryo bw'itumanaho rya Leta cyangwa ryigenga, cyangwa serivisi y'iposita ya Leta cyangwa yigenga bitatangiwe uruhushya n'ubuyobozi bubifitiye ububasha rinyuranyije n'amategeko.

Ingingo ya 6: Abemerewe gusaba icyemezo cyo gukora igenzura ry'itumanaho

Abayobozi b'inze za Leta zishinzwe umutekano nk'uko ziteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda rite bonyine bemerewe gusaba icyemezo cyo gukora igenzura ry'itumanaho.

Article 3: Lawful interception of communications

Interception of communications shall be considered lawful where it is done in the interest of national security and in accordance with this Law.

Article 4: Prohibited interception of communications

Interception of communication of the President of the Republic is strictly prohibited.

Article 5: Unlawful interception of communications

The interception of any communication in the course of the transmission by means of a public or private communication system or a public or private postal service when it is done without authorization from the competent authority shall be unlawful.

Article 6: Persons authorized to apply for an interception warrant

Only Government authorities of the relevant security organs as provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda shall be authorized to apply for an interception warrant.

Article 3: Interception légale des communications

L'interception légale des communications est celle qui est effectuée dans l'intérêt de la sécurité nationale et en conformité avec la présente loi.

Article 4: Interception interdite des communications

Il est strictement interdit d'intercepter la communication du Président de la République.

Article 5: Interception illégale des communications

L'interception d'une communication en cours de transmission par voie de système de communication public, privé ou de service postal public ou privé sans l'autorisation d'une autorité compétente est illégale.

Article 6: Personnes autorisées à demander le mandat d'interception

Les dirigeants des organes de sécurité tels que prévus par la Constitution de la République du Rwanda sont les seuls autorisés à demander le mandat d'interception.

Ingingo ya 7: Ibisabwa ikigo cyangwa sosiyete itanga serivisi y'itumanaho

Ikigo cyangwa sosiyete itanga serivisi y'itumanaho agomba kugira imiyoboro ifite ubushobozi mu rwego rwa tekini butuma ikorwaho igenzura ry'itumanaho igihe icyo ari cyo cyose, abisabwe n'urwego rubifitiye ububasha, hashingiwe ku biteganywa n'iri tegeko.

UMUTWE WA II: UBURYO IGENZURA RY'ITUMANAHO RIKORWA

Ingingo ya 8: Ibigenzurwa

Itumanaho rigenzurwa mu gihe hahererekanywa ubutumwa n'amakuru biri mu nzira yo gushyikirizwa abo bigenewe binyuze mu buryo bw'itumanaho ry'iya kure, hahinduwe cyangwa hinjiwe mu buryo bukoreshwa mu itumanaho cyangwa mu mikorere yabwo, hasesenguwe cyangwa hagenzuwe amakuru n'ubutumwa binyujijwemo kugira ngo byose uko byakabaye cyangwa bimwe mu bibigize bigezwe ku wundi muntu _rête uwo byari bigenewe cyangwa uwabyohereje.

Ingingo ya 9: Itangwa ry'icyemezo cyo gukora igenzura ry'itumanaho

Icyemezo cyo gukora igenzura ry'itumanaho gitangwa n'Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu wagenwe na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

Article 7: Requirement for a communication service provider

A communication service provider shall ensure that systems are technically capable of supporting interceptions at all times upon request by the competent organ, in accordance with the provisions of this Law.

CHAPTER II: METHODS OF INTERCEPTION OF COMMUNICATIONS

Article 8: Communications to be intercepted

Communication shall be intercepted during its transmission by means of a telecommunication system where a person alters or interferes with the system or its operations, scrutinizes transmissions made through the system, or intercepts transmissions made through the system so as to make some or all of the contents of the communication available to a person other than the sender or intended recipient of the communication.

Article 9: Issuance of interception warrant

An interception warrant shall be issued by a National Prosecutor designated by the Minister in charge of Justice.

Article 7: Obligation d'une agence de communication

Toute agence de communication doit s'assurer que ses systèmes sont techniquement capables de supporter à tout moment des interceptions toutes les fois qu'elle en est requise par l'organe compétent, conformément aux dispositions de la présente loi.

CHAPITRE II: MODALITES D'INTERCEPTION DES COMMUNICATIONS

Article 8: Communications à intercepter

La communication est interceptée pendant sa transmission au moyen de système de télécommunication lorsqu'une personne modifie ou interfère avec le système ou son fonctionnement, examine ou contrôle les transmissions faites à travers ce système de façon à rendre accessible une partie ou l'ensemble de leur contenu à une personne autre que l'expéditeur ou le destinataire de la communication.

Article 9: Délivrance du mandat d'interception

Le mandat d'interception est émis par le Procureur National désigné par le Ministre ayant la justice dans ses attributions.

Kubera inyungu z'umutekano w'Igihugu kandi byihutirwa, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu ubifitiye ububasha, abisabwe n'umuyobozi uvugwa mu ngingo ya 6 y'iri tegeko, ashobora gutanga mu mvugo uruhushya rw'igenzura ry'itumanaho ariko icyemezo cyanditse kigatangwa mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24). Iyo icyo gihe kirenze, icyo cyemezo kidakozwe, iryo genzura riba ritubahirije amategeko.

Ingingo ya 10: Igenzura ry'itumanaho ritiyambaza ikigo cyangwa sosiyete itanga serivisi y'itumanaho

Uwemerewe n'iri tegeko gusaba icyemezo cyo gukora igenzura ry'itumanaho afite ububasha bwo gusaba icyemezo cy'igenzura ry'itumanaho ritiyambaza ikigo cyangwa sosiyete bitanga serivisi y'itumanaho. Icyo cyemezo gitangwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 9 y'iri tegeko.

Ibikoresho byifashishwa mu kugenzura itumanaho hatiyambajwe ikigo cyangwa sosiyete bitanga serivise y'itumanaho, bigengwa n'itegeko ryerekeye intwaro.

Perezida wa Repubulika agena urwego rushinzwe imicungire y'ibyo bikoresho.

Due to urgent public security interests, the competent National Prosecutor may, upon the request of the authority provided for under Article 6 of this Law, issue an interception warrant verbally, but the written warrant shall be completed in a period not exceeding twenty-four (24) hours. If that period expires without a written warrant, the interception shall be presumed to be illegal.

Article 10: Interception not facilitated by a communication service provider

A person authorized by this Law to request an interception warrant may request a warrant for interception without recourse to a communication service provider. Such a warrant shall be issued in accordance with Article 9 of this Law.

Equipment used for interception without recourse to a communication service provider shall be governed by the Law relating to arms.

The President of the Republic shall determine the Organ in charge of management of such equipment.

Pour cause urgente d'intérêt de la sécurité nationale, le Procureur National compétent peut, sur demande de l'autorité visée à l'article 6 de la présente loi, donner verbalement le mandat d'interception, mais dans ce cas le mandat écrit doit être donné dans un délai ne dépassant pas vingt-quatre (24) heures. Passé ce délai, l'interception est considérée comme illégale.

Article 10 : Interception sans faire recours à l'agence de communication

Une personne autorisée par la présente loi de demander le mandat d'interception est habilitée à demander le mandat d'intercepter la communication sans faire recours à l'agence de communication. Ce mandat doit être émis conformément à l'article 9 de la présente loi.

Les outils employés pour intercepter les communications sans faire recours à l'agence de communication sont régis par la loi portant régime des armes.

Le Président de la République désigne l'organe chargé de la gestion de ces outils.

Ingingo ya 11: Ibuzwa ryo kumena ibanga

Nta muntu wemerewe gutangaza kubo bitagenewe ibyo yamenye mu kazi akora cyangwa ibyo yashinzwe kurangiza, nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

Ingingo ya 12: Ubugenzuzi

Iteka rya Perezida rishyiraho abagenzuzi bashinzwe kumenya ko abemerewe gukora igenzura ry'itumanaho babikora mu buryo bwubahirije amategeko.

UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 13: Ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena uburyo iri tegeko rishyirwa mu bikorwa.

Ingingo ya 14: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko n° 48/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena

Article 11: Confidentiality of secret information

No person shall disclose to uninterested persons any information accessed while carrying out the duties or obligations, as determined by this Law.

Article 12: Inspection

A Presidential Order shall appoint inspectors in charge of monitoring authorized persons to ensure that they intercept communication in accordance with the Law.

CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 13: Enforcement of this Law

A Prime Minister's Order shall determine modalities of enforcement of this Law.

Article 14: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 15: Repealing provision

Law n° 48/2008 of 09/09/2008 relating to the

Article 11 : Interdiction de divulgation des secrets

Nul ne peut révéler aux personnes non concernées l'information dont il a eu connaissance à l'occasion de l'exercice de ses fonctions ou en remplissant les obligations lui assignées conformément à la présente loi.

Article 12 : Inspection

Un arrêté présidentiel nomme les inspecteurs chargés de s'assurer que l'interception des communications se fait conformément à la loi.

CHAPITRE III : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Article 13 : Application de la présente loi

Un arrêté du Premier Ministre détermine les modalités d'application de la présente loi.

Article 14 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 15 : Disposition abrogatoire

La Loi n° 48/2008 du 09/09/2008 portant

Official Gazette n° 41 of 14/10/2013

igenzura ry'itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

interception of communications and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

interception des communications et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 16: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 16: Commencement

Article 16 : Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 22/08/2013

Kigali, on 22/08/2013

Kigali, le 22/08/2013

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux